KIRAZIRA KU MUKOZI WA RIM

- Guhutaza no kuvangura abakiriya ugendeye ku gitsina, aho bakomoka, idini basengeramo, ubumuga bafite cyangwa umutwe wa politiki bakomokamo;
- Kirazira wowe nk'umukozi kuguza amafaranga umukiriya wa RIM LTD
- Kwakira abakiriya ugendeye ku bindi bintu bitari ubunyangamugayo, imishinga yunguka n'ubushobozi bwo kwishyura,
- Kutarangwa n'ubunyangamugayo imbere y'abakiriya, no kugira abo uvangura cyangwa utonesha;
- Kwishyuza servisi zakabaye zitangirwa ubuntu no kwakira impano izo arizo zose,
- Kugira ibyo ukura ku mukiriya cyangwa gukoresha ububasha uhabwa n'akazi ukora kugirango ugire ibyo umukuraho;
- Gufata nabi umukiriya, utamuha agaciro gakwiriye ikiremwa muntu;
- Gukoresha telefoni mu gihe cyo kwakira umukiriya, mu gihe uri kumuhugura, iyo bibaye ibyihutirwa ubanza kumwihohoraho;
- Guhutaza , gutera ubwoba, gutuka, gutesha agaciro umukiriya mu gihe cyo kumwishyuza;
- Guha umukiriya inguzanyo zirengeje ubushobozi bwe;
- Kwishyuza umukiriya mu masaha Atari ay'akazi (urugero nko kujya kumwishyuza uzindutse atarabyuka)

KIRAZIRA KU BA KILIYA

Abakiriya bafite inshingano zo kugira ibyo birinda kugirango bafatanye na RIM kubarinda bagendera ku ndangagaciro na kirazira bikurikira:

- Kirazira guhitamo ubwoko bw'inguzanyo utabanje gusobanuza neza ibiyiranga ngo wumve neza niba ijyanye n'ibyifuzo byawe;
- Kirazira kuguriza umukozi wa RIM LTD amafaranga;
- Kirazira kwigwizaho imyenda cyangwa gufata inguzanyo nini irenze ubushobozi bwo kwishyura;
- Kirazira gufata inguzanyo mu izina ry'undi muntu;
- Kirazira kwishyura amafaranga kuri RIM,LTD utazi icyo uyishyuriye n'uko yabazwe.
- Kirazira gufata inguzanyo ubona ko kuyishyura byaguhombya;
- Kirazira guha ruswa cyangwa impano iyo ariyo yose umukozi wa RIM LTD;
- Kirazira guhishira umukozi wa RIM wagufashe nabi;
- Kirazira kwihererana ikibazo cy'imikorere kikubangamiye kuko hari uburyo bwashyizweho bwo kwakira no gukemura ibibazo by'abakiriya.